

# Ihame ry'icungamutungo ku Ideni



*“Abakwiriye kubona ibyiza ntukabibime, niba bigushobokera. Imigani 3:27*

Byandistwe na rwiyemezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Usibye ko kuguza bifatwa nk'ibintu bidakwiye mu bwami bw'Imana kuri benshi, gusa bigira agaciro iyo du-fite imyumvire mizima kuko biradufasha. Ikintu cyiza bigira ni uko bigaragaza guca bugufi, kuko mu kuguza—byaba mu mafaranga, ibikoresho ndetse n'ubufasha—tugomba kumenya ko ubwacu tutihagije. Kuguza rero bitwambika inshingano; tuba tubereyemo abandi ideni/umwenda. Ibi biduha kubahana hamwe no kumva ko umubano wakomera. Usibye nibyo, ubuzima twahawe n'Imana ntabwo bwihagije, ahubwo byashiriweho kwitwaza gufatanywa n'abandi—byaba umuryango, inshuti, abaturanyi cg abo dukorana.

Uyu mugani uravuga by'umwihariko ku ideni riva ku inguzanyo, ariko ijamba kuguza ni ihame ryagutse rishobora gukoreshwa henshi, kuko duhura naryo iyo dukennye. Bisaba guca bugufi rero kugira ngo usabe ingoboka, ubufasha cg inguzanyo. Hari ibintu bitatu dushobora gukora byatuma twubaka izina ryiza muri bagenzi bacu. Ibi ni—

1. Tangiza utuntu duto cg inguzanyo ziciriritse. Izi nguzanyo cg amahirwe zigomba kuba zifasha ibintu mu buryo busobanutse. Ntugateze urujijo kuwa guhaye inguzanyo niba uzayimwishyura cyangwa se ukamwitura iyo neza. Ujye usobanura neza aho uhagaze, ndetse unavuge uburyo uzakoresha gukora ibyo wiyemeje cyangwa inyishyu, byaba mu mafaranga, ibikoresho cg kwitwaza ineza.

2. Ujye wihutira kwishyura kandi ukurikize ibyo wiyemeje.

Kunyarutsa ni ihame ry'ingenzi cyane, ntabwo ari gusa mu kwishyura cg mu kugira ineza, ahubwo no kuri kamere y'umuntu. Bigaragaza umurongo wihaye kandi byubaka izina rya nyirabyo. Kwishyura bihora byitezwe, ariko icyubaka izina ryiza n'icyizere ni uburyo unyarutsa mu kwishyura. Bigaragaza uburyo twitwararika izina ryacu mu gihe cy'ejo hazaza mu nguzanyo cg ineza. Mu cyanditswe hatubwiye ngo “Ntugatindane amafaranga kandi.” Niba ushoboye kwishyura, ishyura none. Umurongo wacu ugomba kuba kwishyura ideni vuba bidatinze. Baza abagufashije, “Ese hari icyo nagufasha?”, mbere yuko babikubaza. Ibi bigaragaza kubanguka n'ubushake bwo kwishyura. Mu gihe ubonye inyungu cg igihe kirengaho ujye wishyura abantu bakugobotse. Hari abigisha gucunga imari yawe hamwe no kwihaze ubwawe. Ibi ntakindi bigezaho usibye ubwibone no kwikubira. Ntabwo ushobora kwishyura uri nyamwigendaho. Twaremewe kubaho dufatikanya. Uyu ni umwenda dufitiye Imana, inshuti zacu, hamwe n'abandi batwitaho. Rero ntukajye wiharerana iyo neza.

3. Ujye uvuga mu mvugo isobanutse mu gihe utizeye inshingano zawe.

Hari igihe usanga twese bidukomerera kuzuzwa inshingano zacu. Ibihe bidasanzwe bishobora kutunaniza mu bukungu cg mu mitekerereze maze tugakererwa. Abanyebanki benshi cg ishuti usanga batitaye cyane kwishyurwa mu gihe cyatinze iyo habayeho ubusobanuro bwiza. Bazatwubahira kugira umwete wo kuvuga uko byatugendekeye. Ibi rero bishimangira umubano w'ubushuti. Ujye uzirikana kubaka izina ryawe kuko ibyo dusaba abandi ni nabyo tubashyiramo. Icyo mvuga hano ni uko—birakomeye kuguza mu nshuti zacu kandi tutarabaremyemo icyizere muri bo.

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

## Ibabazo byo kwibazaho:

Uko dukomeza gutera imbere, ni nako tugenda tubona ko ubwacu tutari bubishobore.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitwaza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw'ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed